

**ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU KU NKONGI YABAYE MURI
IPRC-KIGALI**

Kuwa mbere tariki 23 Mutarama 2023, mukigo cy'ishuri cya IPRC-Kigali habereye inkongi y'umuriro, yafashe igice kimwe cy'aho abanyeshuri b'abakobwa bararaga, ariko ku bufatanye na Police iyo nkongi ikaba yarahise ihagarikwa hatarangirika byinshi.

Mu byangiritse harimo ibiryamirwa abanyeshuri barararagaho, ibitanda, ibikoresho byabo bitandukanye birimo ibyo bifashishaga mu masomo ndetse n'isuku, bimwe mu byangombwa byabo (IDs n'ibindi byangombwa bibaranga).

Inkongi kandi yangije iyo nyubako, kuburyo abanyeshuri bayiraragamo bimuriwe muyandi macumbi atarimo abanyeshuri mu rwego rwo kugirango babashe gukomeza amasomo no guhabwa ubufasha bwihuse n'ikigo nk'ibikoresho by'ibanze nkenerwa.

RP/IPRC-Kigali irahumuriza ababyeyi, abanyeshuri n'abanyarwanda muri rusange ko iyo nkongi nta muntu yahitanye, ndetse ko abanyeshuri bagizweho ingaruka n'iyo nkongi, bakomeje amasomo yabo nk'ibisanzwe kandi bakomeje kwitabwaho by'umwihariko.

Haracyakorwa iperereza kugirango hamenyekane neza icyateye iyo nkongi.

Murakoze.

Bikorewe i Kigali, kuwa 24/01/2023

UBUYOBOZI BWA IPRC-KIGALI

